

## INTAMBWE IMAZE GUTERWA MU IKORWA RY'IGISHUSHANYO MBONERA



**M**u gihe gikabakaba amezi byatangiriye, hari ibikorwa y'agateganyo, no gukomeza atatu uhereye igihe ibikorwa fatizo byagezweho, kandi byo gukora igishushanyo bizatanga umuyoboro w'ibindi irambuye y' igishushanyo mbonera cy' Akarere ka Kamonyi bikorwa, biganisha kuri raporo mbonera. Mu nshamake, ibi

bije bikurikira bimwe mu bikorwa fatizo by' ingezi bimaze kugerwaho.

### **Itangizwa ry'ibikorwa ku mugaragaro**

Igikorwa cyo gutangiza ku mugaragaro cyahuje amatsinda ya ba rwiyemezamirimo n'abandi bafatanyabikorwa barimo gukora ibishushanyombonera binyuranye, harimo ni cy' Akarere ka Kamonyi i Ikigali, kugirango habeho gufata umurongo umwe, uganisha ku bishushanyomborera bikoranye ubuhanga, hagamijwe kugera ku iterambere rirambye.

Iyo nama yakurikiwe n'iyindi yihariye, yabereye Ku Karere ka Kamonyi, yitabiriwe n'abayobozi b' inzego zitandukanye, barimo abajyanama n'abandi bafatanyabikorwa. Iyo

nama ikaba yarafunguye ku mugaragaro ibikorwa by' igishushanyombonera, itanga nu mwanya kuri ba rwiyemezamirimo AJ & Partners n' ikigo cy' igihugu gishinzwe ubutaka (NLA), kugira ngo basobanurire neza, ibisabwa n'ibiteganijwe mu gihe harimo gukorwa igishushanyombonera, no gusaba ubufatanye hagati y' inzego zose zihagarariye abaturage.

Izo nama uko ari ebyiri zabaye ingirakamaro ku cyiciro cya mbere, nkuko bigaragara muri raporo y' imbaziriza mushinga (inception report) yashyikirijwe NLA, kandi ikaba yaranemeje ko hatangirwa neza icyiciro cya kabiri cyizarangirana na raporo y' agateganyo, izwi nka (Interim report) hagati mu kwezi kwa gatanu.

### **Isobanura ry' imikoreshereze y'ubutaka bw' Akarere binyuze mu bitekerezo bitandukanye by' abayobozi.**

Nubwo hari hamaze kugaragara icyizere cy' imikoranire n'inzego zitandukanye n'abandi bafatanyabikorwa, ibitekerezo byaguye by' abayobozi batandukanye byari ingenzi, kugira ngo habeho ubumenyi bwihariye, cyane cyane mu byiciro bahagarariye, cyane cyane mu byerekeranye n'ubukungu, kubungabunga ibidukikije mu itunganywa ry' imikoreshereze y'ubutaka. Hari bamwe bingezi bagiye batanga amakuru ahagije, bakanafasha no kugera ku bandi bayobozi ba ngobwa, harimo Bwana Mayor Dr NAHAYO Sylvere, s Visi Meya ushinze iby'ubukungu hamwe n'



umuyobozi ushizwe iby'ubutaka ku Karere (One Stop Centre). Bitewe n' ubumenyi bwihariye bafite ku bijyanye n' ikoreshwa ry' ubutaka mu Karere ka Kamonyi, uruhare rwabo mu ikusanya makuru rwari ingirakamaro, kandi bikaba biteganijwe ko bizavamo umusaruro mu byerekeranye



n'ikoreshwa neza ry' Ubutaka.

### **Ikusanyamakuru hamwe n'ubushakashatsi bw'imibereho y'a baturage**

Abaturage b' Akarere ka Kamonyi bakorera no mungo zabo, bakaba bahabwa ishimwe rihagije, kubera ubufatanye bagaragaje mu bikorwa byo gutanga amakuru yibanda ku mibereho yabo n'ibijyanye n' ubushobozi mu bukungu. Ibi bikaba byaratumye ba rwiyemezamirimo bashobora gukora akazi kabo mu buryo byoroshye, kandi bwihuse, mu gihe bagendereraga Imirenge yose igize Akarere ka Kamonyi. Ibi bikorwa byatanze amakuru ahanini yuzuzanya n'ayandi yagiye akusanywa mu matsinda atandukanye yagiye yifashishwa bigaragaza ko amakuru yakwizerwa, ku kigero cyo hejuru mu ikorwa ry'igishushanyo mbonera.

Uruhare rw' abaturage n' abafatanyabikorwa b'Akarere ku isonga mu gutanga amakuru binyuze mu matsinda atandukanye

Kugira uruhare runini rw'abaturage mu bikorwa biganisha mu ikorwa

ry' igishushanyombonera cy'imikoreshereze y'ubutaka, abantu bahagarariye abandi bashyizwe mu matsinda atandukanye, bitewe n' ibyo bakora bijyanye n'imikoreshereze y'ubutaka.

Ubusanzwe byakabaye byiza kurushaho abaturage bose ku giti cya buri muntu, batanga ibitekerezo, ariko bitewe n'igihe cyiba gisabwa, benshi muri bo bahagarariwe n' abayobozi babo nyuma yo gukusanya ibitecyerezo byabo, ku bijyanye



n'imikoreshereze y'ubutaka n'uburyo barushaho kububya umusaruro mu nzira iganisha ku iterambere rirambye. Mu bafatanyabikorwa n'ayandi matsinda yari agizwe na bamwe bava mu miryango itegamiye kuri leta, (NGOs), abikorera ku giti cyabo, Amatsinda y'abagore, urubyiruko, Inzego za serivisi z'umutekano, hamwe n'abahagarariye amadini bose bagiye batumirwa mu bihe bitandukanye, kugirango baganire, kandi basangize abandi ibitekerezo n'ibyifuzo byashingirwaho mu ikorwa ry' igishushanyombonera.

### **Ihuriro ry'iterambere DDF n'inshingano zaryo mu gukurikirana imitegurire y'igishushanyombonera**

Nubwo hakoreshwa uburyo bwokwegera abaturage butandukanye binyuze mu matsinda aba yatoranijwe cyagwa se ubuyobozi bw'inzego

zitandukanye, hagomba kubaho inzobere ku bijyanye n'imiterere y'Akarere, kugirango bagende bakurikirana ibijyanye n' itegurwa ry'igishushanyombonera kugeza ku musozo.

Iri tsinda rikaba rigizwe na bamwe mu bafatanyabikorwa b'Akarere n'abavuga rikijyana, rishinzwe kurebera hamwe niba koko igishushanyombonera kirimo gukorwa, hifashishijwe indangagaciro n'ibyifuzo by' abaturage n'imiterere y'Akarere, no kunoza neza amakuru aba yakusanyijwe mu bice bitandukanye.

Bikaba kandi byitezwe ko aribo bazafata iyambere



mu gusobanurira rubanda ibijyanye n'ishyirwa mu bikorwa ry' igishushanyombonera, kandi ko byarushaho koroha kubikora, kuko ari itsinda ry'abantu b'intangarugero mu Karere byongeyeho kandi bafite n'imikoranire myiza ya hafi, hagati y' ubuyobozi bw' Akarere n' abaturage.

### **Ibikorwa byo gusura za Site no kumenya byimbitse icyahakorera**

Biteganijwe ko ibyifuzo n' ibitekerezo bigenda bitangwa ku bufatanye n'abaturage, bigomba kugaragaza bushyashya ahantu hamwe na hamwe hagaragara ko haba haberanye n'imishinga iteza imbere Akarere.

Akaba ari muri ubwo buryo, nyuma yo gukusanya amakuru,

hagiye haba ibikorwa byo gusura za site n'ibyanya bitandukanya byakwifashishwa, mu gutegura imishinga neza.

Hifashishijwe bamwe mu nzobere, hateganijwe ko ibi

bikorwa bizakomeza mu rwego rwo gusuzuma neza ahaberanye n' indi mishinga, nk'ubuhinzi, imiturire, n'ibindi bijyanye n'ikoresha ry' ubutaka riganisha ku iterambere rirambye.

Ibi byanya na za site birimo ahantu nyaburanga, ahacukurwa amabuye y'agaciro, ahakorerwa ubucuruzi n'ahandi hatandikanye.

## INSHAMAKE Y'IGENAMIGAMBI RY'IMIRENGE IKENEWE MU GIHE CYO GUSHUSHANYA IKARITA

Uburyo bwo kwagura igenamigambi y'igishushanyombonera, biba ngombwa ko buri Murenge ugira uruhare rwawo, mu kugaragaza ibikorwa bitandukanye, bikoresha cyane cyane, kandi bihuriraho na rubanda. Ibikorwa byinshi byakozwe hifashishijwe inama zaberaga ku Mirenge uko ari 12 zabaga zatumijwe n' abakozi bashinzwe gucunga ubutaka, amashyamba, abashinzwe ubuhinzi, abashinzwe imibereho myiza, abayobozi bo ku Tugari n'abandi bahagarariye inzego zitandukanye.

Bimwe mu byagiye bitangwaho amakuru hifashishijwe amakarita, kugirango bigaragare mu gishushanyombonera harimo ibigo by'ubucuruzi, ahari inzego zitanga serivisi z'umutekano, ahantu nyaburanga, ahagenewe ibigo by'amadini, amashuri, ibiro by'ubuyobozi bw'ibanze, ahagenewe Inzego z'ubuzima, ibigo nderabuzima n'ibitaro, ibigo by'imari, ibikoresho by'abashyitsi, ibikorwa by'ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro n'ahantu hari inganda.

Ahandi ni amakusanyirizo y' amata, Amasoko, Ibibuga by'imikino, imidugudu y'icyitegererezo- IDP, ibigo birererwamo abana, inzibutso, amarimbi, ibyuma by'amashanyarazi,



amakusanyirizo ya kawa, n'ahagenewe Tagisi. Ibi bikaba byaravuyemo iyandikwa ryaho

hantu hatandukanye ringana na 650 mu Mirenge 12.

## KOMISIYO Y'UBUKUNGU BW'AKARERE KU ISONGA MU KUREBERA HAMWE INGAMBA ZIFATWA MU KWIHUTISHA ITERAMBERE RIRAMBYE RIGANISHA KU CYEREKYEZO 2050



**B**ikaba biteganijwe ko ikorwa ry'igishushanyo mbonera rigamije iterambere rirambye ahanini rishingiye ku bukungu, mu mpera z' icyiciro cya mbere cy'itegurwa ry'igishushanyombonera. Abagize Komisiyo y'ubukungu mu Karere ka Kamonyi nabo bakaba barasabye ko bagira ibiganiro bagirana na ba rwiyemezamirimo kugirango ubukungu bw'Akarere bube mu byitabwaho cyane.

Iyi Komisiyo igizwe n'abafatanyabikorwa bakurikirana umunsi ku wundi iterambere ry'Akarere, rishingiye ku bukungu, kuko imikoreshereze y'ubutaka, ari cyo kintu kinini gishingirwaho mu kuzamura ubukungu.

Abanyamuryango b'iyi Komisiyo bagaragaje ko biteze cyane ku bijyanye no gukomeza gutanga ibitekerezo n' ibindi biganiro mu ikorwa ry'igishushanyo mbonera,

kugira ngo bahangane n'ibibazo bimwe na bimwe bigira ingaruka ku bidukikije, ibijyanye n'ishoramari, n'iterambere muri rusange,

kandi baje kugenda banyuzwe, bitewe naho ibikorwa byo gukora igishushanyo mbonera bigeze.

